# NYARUGURU DISTRICT
# INDASHYIKIRWA NEWSLETTER
# Bimwe mu bikorwa byakozwe mu Kwezi k'Ukuboza 2024

## URUBYIRUKO RUSHOJE AMASHURI YISUMBUYE RWIYEMEJE KWIRINDA INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE

**Ubwo hasozwaga Itorero ry'Inkomezabigwi icyiciro cya 12 (Abanyeshuri bashoje amashuri yisumbuye), biyemeje kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside no kugira uruhare mu kuvugutira umuti ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage.**





Mu Karere ka Nyaruguru hasojwe ku mugaragaro itorero ry'Inkomezabigwi icyiciro cya 12 kuri site 3 zahurijweho intore 1266 zaturutse mu mirenge 14 y'Akarere ka Nyaruguru. Mu gusoza, Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru Dr Murwanashyaka Emmanuel ari kumwe n'Umuyobozi w'Ingabo Bgde ya 301 Brig.Gen.Theodomir Muhizi bifatanyije n'Intore 462 zahurijwe kuri GS Runyombyi ziturutse mu mirenge ya Cyahinda, Busanze, Ruheru,Nyagisozi na Ngoma.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Bwana Gashema Janvier ari kumwe n'inzego z'umutekano yifatanije n'intore zaturutse mu mirenge ya Kivu, Muganza,Nyabimata na Munini.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'abaturage Madamu Byukusenge Assoumpta ari kumwe n'inzego z'Umutekano yasoje itorero mu cyanya cya College Imanzi.



Nyuma y'ibiganiro bitandukanye,Urubyiruko rwiyemeje gukomeza kwimakaza indangagaciro na Kirazira nyarwanda , rwirinda ingengabitekerezo ya jenoside no kugira uruhare mu gusigasira ibyagezweho.

Mu gusoza iri torero uru rubyiruko rwashoje amashuri yisumbuye rwahigiye imbere y'umutoza mukuru mu karere gukora bimwe mu bikorwa biteganijwe mu rugerero rudaciye ingando birimo kugira uruhare mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturahe hubakirwa abatishoboye, kugarura abana ku ishuri, ...

# INAMA NJYANA YASUZUMYE IBIKORWA BIZAKORERWA ABATURAGE

**Kuwa 31/12/2024, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Madamu Ingabire Veneranda yayoboye inama Njyanama y'Akarere haganirwa ku bikorwa bifitiye abaturage akamaro birimo gusuzuma ingurane izahabwa abaturage kubera imitungo yabo izagirwaho ingaruka n'imishinga y'inyungu rusange.**



**Iyi nama Njyanama yitabiriwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere n'Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere haganirwa ku byifuzo by'abaturage bifuzako byashyirwa mu bikorwa mu 2025/2026, imihigo, imitangire y'amasoko ya Leta, gahunda yo gutanga ingurane ikwiye ku mitungo y'abaturage izagirwaho ingaruka kubera ikorwa ry'imishinga y'inyungu rusange, imishinga itandukanye no gusuzuma amabaruwa abaturage bandikiye inama Njyanama.**








## ABATURAGE BISHIMIYE UKO BASHOJE UMWAKA 2024



Ku mugoroba wo kuwa 31/12/2024, Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru Dr Murwanashyaka Emmanuel ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Bwana Gashema Janvier n'inzego z'umutekano bifatanyije n'abaturage mu gitaramo gisoza umwaka wa 2024 cyabereye muri Gare ya Kibeho.

Muri iki gitaramo, Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru yashimiye abaturage kubera uburyo bitwaye mu matora ya Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Abadepite n'Abasenateri anabasaba gufata ingamba zo gufatanya n'ubuyobozi bwa Leta n abandi bafatanyabikorwa mu gushyira mu bikorwa hagunda za Leta ziteganijwe mu 2025

Basabwe kandi kurinda ibyagezweho no kongera umusaruro muri uyu mwaka wa 2025 dutangiye. Gukomeza gusigasira ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

Gusoza umwaka wa 2024 ku rwego rw'Akarere byitabiriwe n'abanyabugeni, ababyinnyi aho bishimiraga ko basoje umwaka amahoro kubera imiyoborere myiza



# ABANA BO MU MADIYOSEZI GATOLIKA YOSE BIZIHIRIJE YUBILE I KIBEHO

Mu rwego rwo kwizihiza Jubile y'imyaka 2025 y'Ubukristu ku Isi n'Isabukuru y'imyaka 125 Ivanjiri imaze igeze mu Rwanda, abana bagera ku 7000 bahagarariye abana bo mu madiyosezi Gatolika atandukanye yo mu Rwanda bakoreye urugendo nyobokamana ku butaka Butagatifu bwa Kibeho mu rwego rwo kubatura Umubyeyi Bikira Maria no gukomeza kuzirikana ko umwana ari amizero y'ejo hazaza h'Igihugu na Kiliziya.



Muri iki gikorwa Arkibishopu Antoine Cardinal Kambanda agaragiwe n'abasenyeri n'abandi bihayimana niwe watuye igitambo cya Misa.

Iki gikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr Murwanashyaka Emmanuel ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru w'ikigo cy'Igihugu gushinzwe imikurire y'abana bayo.





## ABATUJWE MURI IDPM CYIVUGIZWA BAKOMEJE KUGEZWAHO ITERAMBERE



Mu murenge wa Ruheru muri IDPMV ya Cyivugiza ituwemo n'abantu bakuwe ahashyiraga ubuzima bwabo mu kaga, hatashywe ibikorwa byubatswe ku bufatanye bwa Minisiteri y'ibidukikije na UNDP n'Akarere ka Nyaruguru.
Birimo ibiraro by'inka n'ingurube, ikigega gifata amazi y'imvura ndetse n'ibigega byahawe abaturage. Aba baturage banahawe inka ndetse n'ingurube banatererwa ibiti by'imbuto. Iki gikorwa cyayobowe n'umuyobozi w'Akarere cyitabirwa n'Uhagarariye Minisiteri y'ibidukikije n'Uhagarariye UNDP.





# ABATURAGE BARASABWA KWIMAKAZA UBUMWE N'UBUDAHERANYWA.

Mu ruzinduko Abagize Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko Rikumira Jenoside, Ipfobya n'Ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF) ihuriro ryo kurwanya Jenoside yakorekorewe Abatutsi n'Ihakana ryayo aho bagiriyriye uruzinduko mu mirenge ya Rusenge na Muganza, basabye abaturage kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa no kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside.









Nyuma yo kuganira kuri aya mahame remezo haganiriwe ku bikibangamiye ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda ndetse abitabiriye inama batanga zimwe mu ngamba zafatwa.

Mu mirenge ya Muganza na Rusenge, Abagize Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko Rikumira Jenoside, Ipfobya n'Ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF) bagiye gusura abaturage mu rwego rwo kuganira ku bikubiye mu masezerano mpuzamahanga yerekeye gukumira no guhana icyaha cya Jenoside n'ingamba zo kubahiriza ihame remezo ryerekeye kurandura burundu ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyo igaragaramo byose.Igikorwa cyo gusura imwe mu mirenge yagaragayemo ibikorwa by'ihohoterwa ry'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 birimo no kwicwa, kigamije kungurana ibitekerezo n'abaturage ku ngamba zo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, kubashishikariza kugira uruhare muri izo ngamba no guhumuriza abaturage bagizweho ingaruka n'ibyo bikorwa bibi byibasira abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi.

Muri iki gikorwa Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru Dr Murwanashyaka Emmanuel ari kumwe n'inzego z'Umutekano na Hon.Senateri Uwimbabazi Penine na Hon.Depite Ndoriyobijya Emmanuel bakoranye inama n'ibyiciro by'abayobozi b'umurenge wa Muganza naho mu murenge wa Rusenge hakozwe inama ku rwego rw'umurenge yitabiriwe n'ibyiciro by'abayobozi bitandukanye barimo Hon. Senateri Prof Dusingizemungu Jean Pierre na Hon.Depite Ingabire Aline, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Bwana Gashema Janvier,Visi Perezida w'Inama Njyanama Dr.Turamwishimiye Marie Rose, Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu cy'Urubyiruko Bwana Gatete Theopille,Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga Bwana Munyengabe Elian, Perezida wa Ibuka mu Karere Bwana Habimana Syridion,Umuyobozi wa RF mu Karere ka Nyaruguru Maj.Alphonse Musayidire,Umuyobozi wa Polisi mu Karere Sp Francis RUTAYISIRE,Intumwa ya RIB. Nyuma yo kuganira kuri aya Mahame remezo haganiriwe ku bikibangamiye ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda ndetse abitabiriye inama batanga zimwe mu ngamba zafatwa.

# NSHILI KIVU TEA FACTORY YASHIMIYE ABAHINZI N'ABASOROMYI B'ICYAYI.

Mu nganda za Rwanda Mountain Tea (Nshili Kivu Tea Factory ikorera mu Murenge wa Nyabimata na Mata Tea Company Ltd ikorera mu Murenge wa Mata) hizihijwe umunsi mukuru w'umuhinzi w'icyayi n'umusoromyi.

Mu kwizihiza uyu munsi hashimwe abahinzi n'abasoromyi kubera uruhare bagira mu kongera umusaruro mu bwiza no mu bwinshi.

Abahize abandi bahembwe inka ,amatungo magufi. Muri iki gukorwa muri Nshili Kivu Tea Factory Akarere ka Nyaruguru kahagarariwe n'Umuyobozi w'ishami ry'ubuhinzi n'umutungo Kamere Bwana Uwambajimana Philippe



Nshili kivu Tea factory ku bufatanye na koperative y'Abahinzi b'Icyayi COTHEN batangiye gahunda yo gufasha abaturage kubona igishoro cyo guhinga, gutegura imirima no kubona ingemwe z'icyayi ku buryo bazajya batangira kwishyura inguzanyo bahawe ari uko batangiye gusarura.

Mu Karere ka Nyaruguru habarurwa inganda z'icyai 4 arizo Muganza Kivu Tea Fatory, Nshili Kivu Tea Factory, Mata tea Company Ltd na Lipton Teas and Infusions Rwanda Ltd zikaba zigira uruhare mu kongera Umusaruro w'icyayi u Rwanda rwohereza ku isoko mpuzamahanga no kuzamura imibere n'ubukungu bw'abaturage.



Mu karere ka Nyaruguru icyayi gikorwamo n'abakozi bagera ku 11530 n'abasoromyi 7980, abakozi bakora indi mirimo mu nganda z'icyayi ni 2845



## ABATURAGE BARASABWA KWITA KU BURENGANZIRA BW'UMWANA

Abafatanyabikorwa bakora ibikorwa bijyanye no kurengera uburenganzira bw'umwana basabwe gukangurira ababyeyi kwita ku burenganzira bw'umwana .

Ibi byagarutse mu nama yo kuwa 24/12/2024 yahuje Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzw imibeeho myiza y'Abaturage yamuhuje n'abafatanyabikorwa bafite aho bahurira n'ibikorwa byo kwita no kurengera abana. Inama yafashe ingamba zo gukemura bimwe mu bibazo abana bagihura nabyo



Ibyo ababyeyi bakwiriye kwitaho ni ukwita ku mwana kuva agisamwa , igihe yavutse bakumva bagomba kumubonera amafunguro ya ngombwa, uburere buboneye, kumurinda ihohoterwa rishingiye ku gitsina, kumwohereza ku ishuri kugeza igihe azagirira imyaka y'ubukure cyangwa ashobora kwiyitaho



# ABIKORERA,   GUKUNDA UMURIMO NO KUWUHANGA

Umuyobozi w'Akarere ka  Nyaruguru Dr. Murwanashyaka Emmanuel yasabye abikorera n'abafatanyabikorwa  ubufatanye buhoraho mu kugabanya ibipimo  by'ubushomeri  mu byiciro  byose, guteza imbere ishoramari, no gufasha abahanga imirimo bakiri  bato kubona amahugurwa.






Muri iyi nama yo kuwa 16 /12/2024  yateguwe ku bufatanye bw'Akarere ka Nyaruguru na Ministeri y'Abakozi n'Umurimo, umuyobozi  w'Akarere Wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu yibukije abitabiriye inama  ko bakwiriye  gukangurira ibyiciiro by'abaturage  banyuranye  guhanga umurimo mu rwego rwo  kubyaza umusaruro imbaga y'abasaga miliyoni basura Akarere buri mwaka,  yibutsa ko aya ari amahirwe akomeye  mu guhanga akazi  no gushora imari..

Mu gusoza  iyi nama, umuyobozi w'Akarere Dr. Murwanashyaka  Emmanuel  yasabye abafatanyabikorwa bose n'abikorera gukomeza gutanga serivisi nziza, kwirinda gusiragiza abaturage no  guharanira umurimo unoze kuburyo binafasha n' abandi mu guhanga umurimo.




## ABARIMU BARASABWA  KONGERA  IMBARAGA KUGIRA NGO IREME RY'UBUREZI RYIFUZWA RIGERWEHO



Mu bigo by'amashuri bihereye mu mirenge itandukanye y'Akarere ka Nyaruguru  hizihijwe umunsi mukuru wa Mwarimu.  Mu Kagari ka Kibeho  mu Murenge wa Kibeho  aho Abarimu  baturutse mu bigo bitandukanye  muri uyu murenge bifatanyije n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru Dr Murwanashyaka Emmanuel  Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere Maj  Alphonse Musayidire, Umuyobozi wa Polisi mu Karere CIP Martin Nzabandora bitabiriye ibirori by'umunsi mpuzamahanga wa mwarimu byabereye i Kibeho muri GS Mère du Verbe i Kibeho.



Mu butumwa bwatanzwe, Abarezi basabwe gukorana umurava hagamijwe kugera ku ireme ry'uburezi ryifuzwa , kurangwa n'imyitwarire mbonezamurimo . Ibi birori byitabiriwe n'abarimu basaga 400 bo ku bigo 18 biri mu murenge wa Kibeho. Uyu munsi wizihirijwe ufite insanganyamatsiko igira iti' Umwalimu uhawe agaciro bimwongerera imbaraga ashyira mu burezi.

Mu Karere ka Nyaruguru hari abarimu 3374  bakorera  mu bigo by'amashuri 118

# ABAFITE UBUMUGA BIJEJE KO LERA IZAKOMEZAGUBAFASHA KWITEZA IMBERE

**Ubwo hizihizwaga Umunsi mpuzamahanga w'Abantu bafite ubumuga, Leta n'abafatanyabikorwa bayo bijeje abafite ubumuga ko bazakomeza kubafasha gukemura imbogamizi bahura nazo no kubafasha kwiteza imbere.**



Ibi byagarutsweho kuwa 03 Ukuboza 2024 ubwo hizihizwaga Umunsi mpuzamahanga w'abantu bafite ubumuga aho waranzwe no gusura ishuri ry'abana bafite ubumuga bwo kutabona, kumurika bimwe mu bikorwa by'ubukungu n'imibereho myiza bifasha abantu bafite ubumuga, no gushyikiriza inyunganira ngingo bamwe mu bafite ubumuga bari bitabiriye uyu munsi.



Kwizihiza uyu munsi byitabiriwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga, abafatanyabikorwa bita ku mibereho myiza n'iterambere ry'abafite ubumuga ndetse n'abaturage bo mu mirenge itandukanye y'Akarere ka Nyaruguru.
Yavuze kandi ko hari ibizakomeza kwitabwaho nk'uburezi budaheza, ubuzima, gukomeza gufasha abafite ubumuga batishiboye hagamijwe kubafasha kwiteza imbere.




Abafite ubumuga bamuritse ibikorwa bitandukanye bakora hagamijwe kwiteza imbere no kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu muri rusange.
Àbafite ubumuga bahawe inyunganirangingo (Imbago n'amagare) abafasha mu ngendo zitandukanye. Mu butumwa bwatanzwe bwibanze ku gushimira Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ko itagira uwo iheza, abayobozi bijeje abafite ubumuga ko Leta ku bufatanye n'Abafatanyabikorwa bayo izakomeza kwita kuri serivisi z'uburezi, ubuzima, imibereho myiza n'imiyoborere myiza bigenerwa abafite ubumuga by'umwihariko kandi ko imbogamizi zikigaragara zizashakirwa ibisubizo.



Abitabiriye kwizihiza umunsi w'abafite ubumuga basusurukijwe n'amatorero y'abafite ubumuga ndetse hanabaho no gusabana.

## ABATURAGE BARASABWA KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE.

Ubwo haterwaga ibiti bivangwa n'imyaka mu murenge wa Busanze Ku bufatanye n'umufatanyahikorwa Caritas Gikongoro no gutera imigano ku mugezi wa Rutigita kubufatanye na BIOCOOR Byakozwe ku intego yo kubungabunga ibidukikije, kurwana n'ikibazo cy'imihindagurikire y'ikirere, kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi abaturage basabwe gukomeza kubungabunga ibidukikije.
Hatanzwe imigano 6000 n'ibiti bivagwa n'imyaka: Grevallia 7346, Cedrella 3250, Calliandra 7276, Leucena 2300, Alnus 2846, Spathodea 842, Harungana 2640. Ibiti byose hamwe ni 21,408.

# ABATURAGE BARASABWA KWIRINDA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA.

**Ubwo hasozwaga ubukangurambaga bw'iminsi 16 ku kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina, abaturage basabwe kwirinda ihohotera no kubana mu buryo bukurikije amategeko.**



Ibi byagarutsweho kuwa 24/12/2024 ubwo Umuyobozi w'Akarere Dr. Murwanashyaka Emmanuel ari kumwe n'Intumwa ya Ministeri y'uburinganire n'Iterambere ry'umuryango Madamu Mutoni Aline, Urwego rw'Igihugu rw'ubugenzacyaha,Umuyobozi Mukuru w'Ibitaro bya Munini yitabiriga ibikorwa byo gusoza ubukangurambaga bw'iminsi 16 bwahariwe kurwanya ihohoterwa rishingiye kugitsina.Ibi bikorwa kandi byanabereye mu muurenge wa Ruheru ku bufatanye n'umufatanyabikorwa ACTIONAID Rwanda .



Mu butumwa bwatanzwe, bwibanze mu kurwanya ihohoterwa no gutanga amakuru ku gihe ku bahuye n'ihohoterwa. Mu murenge wa Ruheru banasezeranyije imiryango yabanaga bitemewe n'amategeko 13 ndetse bakora n'ibikorwa byo korozanya muri gahunda ya girinka Munyarwanda.





Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rifite amoko menshi. Aya ni amwe muri yo nkuko tubikesha imfashanyigisho ya Ministeri y'Uburinganire n'Iterambere ry'umuryango :

Gukora imibonano mpuzabitsina ku ngufu: Igikorwa cy'uko umuntu akoreshwa imibonano mpuzabitsina atabishaka ahubwo afashwe ku ngufu, yatewe ubwoba, yashukishijwe ibintu bifite agaciro n‟ibindi.

Gukorana imibonano mpuzabitsina hari umwe utabishaka mu bashakanye : Guhatira uwo mwashakanye gukora imibonano mpuzabitsina ukoresheje imbaraga, iterabwoba kumubeshya, n‟ibindi. Abashakanye uko ari babiri bafite uburenganzira bungana ku bijyanye no gukora imibonano mpuzabitsina, kubyara, hamwe no kuringaniza urubyaro.

Gutesha agaciro igitsina cy'umuntu : gutesha agaciro igitsina cy‟umuntu haba ku bijyanye no kugikoraho mu buryo busuzuguritse, ubikora ku ngufu cyangwa mu buryo busumbanya. Ubu buryo bw'ihohoterwa bukorwa n'umuntu uwo ari we wese uri ku mwanya afite ububasha, umuyobozi, cyangwa umugenzuzi.

Itotezwa rishingiye ku gitsina : Ukuntu kose kudahwitse kurebana no gusaba gukora imibonano mpuzabitsina cyangwa ubundi buryo bwose bwo gutesha agaciro. Gufata ku ngufu bishingiye ku rwego uriho mu kazi, ibi bikaba biba ari uko umuntu azana imirongo ngenderwaho ishingiye ku kazi ibi bikaba byazana iterabwoba, guhunga cyangwa ahantu buri wese atumva yisanzuye. Ubu bwoko bw‟ihohotera bukoreshwa n'abakoresha, abagenzuzi, cyangwa abantu mukorana ku kazi, abarimu, cyangwa undi muntu wese uri mu mwanya runaka ugufiteho ububasha cyangwa ushobora kukugenzura mu bintu runaka.

# GS. RUNYOMBYI I YAHUYE N'INKONGI YAGOBOTSWE NA MINEMA

Abanyeshuri ba GS Runyombyi i herereye mu murenge wa Busanze bahuye n'ikiza cyinkongi y'umuriro bagobotswe na Minisiteri y'Ibiza n'ubutabazi bahabwa bimwe mu bikoresho by'ibanze.





Ni igikorwa cyakozwe kuwa09/12/2024 mu murenge wa Busanze, Akagari ka Runyombyi mu mudugudu wa Ryabusagara kuri G.S Runyombyi I habereye igikorwa cyo Kugoboka abana b'abanyeshuri bahuye n'ikiza cy'inkongi y'umuriro 07/12/2024 aho ibikoresho byose byabo byahiriye mu nzu bararagamo (dortoir) bakaba bahawe ibikoresho na MINEMA Buri mwana akaba yahawe:
Ibiryamirwa: matelas 1, amashuka 1 ibikoresho by'isuku, Amakayi 14 n'akaramu 4, Inkweto:1; Amasogisi:2; Tenue ya sport:1 , Igikorwa cyayobowe n'Umuyobozi w'Akarere
Intumwa ya MINEMA
OC.STN. Busanze
Umunyambanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Busanze
Hamwe n'umuyobozi bw'ikigo cya Runyombyi I.
Abanyeshuri bashimiye ubuyobozi bw'Igihugu by'umwihariko MINEMA yabagobotse mu bihe bikomeye.

Abashyikirijwe ibikoresho bashima bagenzi babo batagezweho n'iki cyago bagiye babatiza imyambaro, ariko uyu munsi bashimiye by'umwihariko ubuyobozi bw'Igihugu kuba bwababatekerejeho bukabazanira ibyo bikoresho bari bakeneye

Tuyishimire , umwe mu banyeshuri wari mu cyumba kindi cy'iyo dortoir na we ati "Twumvise ibintu biturika inshuro ebyiri, tugiye kumva twumva abana biruka bavuga ngo harahiye. Ndareba koko mbona harimo harashya. Harimo abana barwaye baryamye, turabasohora, ubundi dortoir itangira gufatwa cyane bikomeye, hahiramo ibintu byose. Nta kintu na kimwe twasohoye. Harimo abasohotse nta nkweto, hari n'abatari bambaye."






Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru, Dr Emmanuel Murwanashyaka, avuga ko iriya nkongi ishobora kuba yaratewe n'umuriro w'amashanyarazi, cyane ko yatangiye nyuma y'uko ngo umuriro wari ubuze kabiri.